RDB RWANDA DEVELOPMENT BOARD

VISIT RWANDA

# ITANGAZO

Kigali, ku wa 25 Gicurasi 2026

Hashingiwe ku itangazo rya Minisiteri y'Ubuzima rirebana n'ingamba zihariye zo kwirinda icyorezo cya Ebola, Urwego Rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB) ruramenyesha abantu bose ko ibikorwa byose birimo ubukerarugendo, inama n'andi makoraniro, ubucuruzi n'ingendo bikorerwa mu gihugu bikomeza nk'uko bisanzwe.

Nta muntu uragaragarwaho n'icyorezo cya Ebola mu Rwanda, kandi ingamba zihariye zashyizweho mu rwego rwo kubungabunga ubuzima bw'abaturarwanda, abakerarugendo ndetse n'inyamaswa zo mo moko y'inguge.

## AMABWIRIZA AREBANA N'INGENDO

**Ubugenzuzi bwihariye ku binjira**

Mu rwego rwo gukaza ingamba zo guhora twiteguye, Minisiteri y'Ubuzima yongereye ubugenzuzi n'ahapimirwa hakanasuzumirwa ku mipaka yo ku butaka no ku kibuga cy'indege mpuzamahanga cya Kigali.

- Abanyamahanga bose bagiye cyangwa banyuze muri Repubulika Iharanira Demukarasi ya Kongo mu minsi mirong itatu (30) ishize mbere yo kuza mu Rwanda, ntibemerewe kwinjira mu gihugu.

- Abanyarwanda ndetse n'abanyamahanga bafite ibyangombwa bibemera gutura mu Rwanda bemerewe kwinjira. Cyakora abagiye cyangwa banyuze muri Repubulika Iharanira Demukarasi ya Kongo muri iyo minsi mirongo itatu (30) ishize bagomba gushyirwa mu kato gateganywa n'amabwiriza y'ubuzima rusange.

**Gukaza amabwiriza y'isuku**

Mu rwego rw'ingamba zashyizweho n'u Rwanda zo guhora twiteguye no gukumira ibibazo byaterwa n'indwara z'ibyorezo, ibikorwa byo gusuzuma ubuzima no gukurikirana indwara byashyizwemo imbaraga ku mipaka yinjira mu gihugu ndetse n'Ikibuga cy'indege mpuzamahanga cya Kigali.

- Abagenzi bose bagiye cyangwa banyuze ahantu hagaragajwe n'inzego zishinzwe ubuzima ko hari ibyago byinshi byo kwandura, bashobora kongera gupimwa no gusuzumwa hagendewe ku mabwiriza y'ubuzima rusange ndetse n'amabwiriza mpuzamahanga ajyanye no kubungabunga ubuzima.

- Abashyitsi n'abaturage barashishikarizwa gukomeza kubahiriza amabwiriza asanzwe y'isuku no gukurikiza inama zitangwa n'inzego z'ubuzima igihe cyose bisabwe.

**Ubukererugendo ndetse n'inama birakomeza nk'ibisanzwe**

- Ibikorwa byose birimo ubukerarugendo, inama n'ibindi bikorwa bihuza abantu, ubucuruzi n'ingendo birakomeje mu Rwanda nk'ibisanzwe hubahirizwa amabwiriza yo kurinda ubuzima.

- Abasura igihugu barashishikarizwa gukomeza ibikorwa byabo nk'uko byateguwe kandi nta nkomyi, bagakomeza kubahiriza amabwiriza y'ubuzima rusange yashyizweho n'inzego z'ubuzima.

**Inzego z'ubuzima z'u Rwanda zirakurikiranira hafi**

- Inzego z'ubuzima z'u Rwanda zigira uburyo buhamye kandi buhujwe neza bwo kurengera ubuzima rusange, bufite gahunda zihamye zo gukurikirana indwara, gutabara byihuse no gukumira ubwandu. Inzego bireba zikomeje gukorana ubushishozi no kwitegura gutanga ubutabazi bwihuse mu gihe habaho ikibazo icyo ari cyo cyose cyabangamira ubuzima rusange.

- Guverinoma y'u Rwanda ikomeje kandi gukorana bya hafi n'abafatanyabikorwa bo mu rwego rw'ubuzima ku rwego rw'akarere cyangwa mpuzamahanga hagamijwe kubungabunga umutekano n'imibereho myiza by'abaturage, abashyitsi n'inyamaswa.

**Ku yandi makuru n'ibibazo, mwabaza:**

RBC: 114 | www.moh.gov.rw | @RwandaHealth